

# REPUBULIKA Y'U RWANDA



## INTEKO Y'UMUCO

---

### ITANGAZO RY'AMARUSHANWA Y'ABANDITSI B'INKURU NDEDE

U Rwanda ruritegura kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire uba buri mwaka ku wa 21 Gashyantare. Inteko y'Umuco yateguye ibikorwa binyuranye byo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire 2022 birimo amarushanwa y'ubwanditsi bw'inkuru ndende mu Kinyarwanda kinoze.

Mu Rwanda ubwanditsi bw'inkuru ndende akenshi bwagiye bwongererwa ingoga n'amarushanwa, yavuyemo inkuru ndende z'ingirakamaro mu buvanganzo nyandiko no mu guteza imbere Ikinyarwanda.

Kuba hari abanditsi benshi muri iyi ngeri bagiye bandika inkuru ndende (*novels*) binyuze mu marushanwa, biragaragaza ko n'ubu yakwifashishwa mu gusigasira iyo ngeri. Akaba ari yo mpamvu uyu mwaka Inteko y'Umuco yiyemeje gukoresha amarushanwa yo kwandika inkuru ndende mu Kinyarwanda mu rwego rwo kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire 2022.

#### **Uko amarushanwa azakorwa**

- Inkuru ndende irushanwa igomba kuba:
  - Ari umwimerere w'uwayanditse
  - Yanditse mu Kinyarwanda kinoze;
  - Yagejejwe ku Nteko y'Umuco bitarenze tariki ya 15 Mutarama 2022.

- Ishobora no kuba ari inkuru ndende nyirayo yanditse na mbere y'aya marushanwa ariko itarigeze itangazwa ahandi (ishobora no kuba kandi yarabonye numero iyiranga: ISBN);
  - Igomba kuba yanditse ku mashini kandi igizwe n'amagambo atari muni y'ibihumbi cumi na bitanu (nibura amagambo 15.000).
- Abanditsi bazohereza Inteko y'Umuco inkuru ndende zabo bwite ziherekejwe n'umwironoro wabo mu nyandiko kuri murandasi bifashishije imeri zikurikira: [info@ralc.gov.rw](mailto:info@ralc.gov.rw) na [tmusabeyezu@ralc.gov.rw](mailto:tmusabeyezu@ralc.gov.rw).
  - Abanditsi b'inkuru ndende bazatsinda aya marushanwa bazagera Inteko y'Umuco kopi y'inkuru ndende icapye (ku mpapuro kandi mu buryo bw'igitabo).

## **Ibihembo**

Inteko y'Umuco izatoranya **inkuru ndende eshatu** mu bitabo byose byoherejwe zibe ari zo zizahabwa ibihembo. Igihembo cyateganyijwe ku nkuru ya mbere gihwanye n'amafaranga ibihumbi Magana atanu y'u Rwanda (**500.000 Frw**), iya kabiri ibihumbi Magana abiri y'u Rwanda (**300.000 Frw**) naho iya gatatu ihembwe igihembo cy'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana abiri (**200.000 Frw**)

Abanditsi bazahiga abandi bazashyikirizwa ibihembo byabo ku ya 21 Gashyantare 2022, ubwo hazaba hizihizwa Umunsi Mpuzamahanga w'Ururimi Kavukire.

Bikorewe i Huye, ku wa 03 Ukuboza 2021

**Amb. MASOZERA Robert**  
**Intebe y'Inteko**